REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

# ICYEMEZO GIHAMAGAZA UWATOROTSE UBUTABERA

Umunsi wa 03 w'Ukwezi kwa Gashyantare, Umwaka wa 2022,

Twebwe Mbarushimana M.Laetitia, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na Muzamuzi Pacifique, Umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona urubanza RP 01031/2020/TGI/NGOMA ruregwamo Ndikumwenayo Philibert bita Gilbert mwene Munyakayiro na Mukangweshi Jacqueline, ID 1200280175075067, c/o tel.-, yavutse ku wa 25/02/2002, yavukiye mu Ntara y'Amajyepfo mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Mugano, Akagari ka Suti, Umudugudu wa Cyabute, yari asanzwe abarizwa mu Ntara y'I Burasirazuba, mu Karere ka Kayonza, mu Murenge wa Ndego, mu Kagari ka Byimana, mu Mudugudu wa Busasamana, akaba aregwa n'Ubushinjacyaha icyaha cyo gusambanya umwana, giteganywa kandi kigahanwa n'ingingo ya 133 al1 & al2 y'Itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu,

Tumaze kubona yararegewe urukiko yaramaze gutoroka ubutabera nk'uko Ubushinjacyaha bubigaragaza,

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,

Twemeje ko Ndikumwenayo Philibert bita Gilbert, yitaba Urukiko rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye uyu munsi iki cyemezo gifatiweho, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko akazaburanishwa adahari tariki ya 07/03/2022 saa mbiri (08h00).

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kandi kigatangazwa kuri *website* y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

Mbarushimana M.Laetitia

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

Muzamuzi Pacifique